

## **KURWANYA IBIYOBYABWENGE MU RUBYIRUKO**

### **I. UKO IKIBAZO CY'IBIYOBYABWENGE GITEYE**

- Ikibazo cy'ikoreshwa n'ikwirakwizwa ry'ibiyobyabwenge ni ikibazo cyugarije Igihugu cyacu, kuko kigaragara hirya no hino mu rubyiruko byaba ururi mu mashuri n'ururi mu buzima busanzwe, bityo kubirwanya bigasaba ingufu za twese kuko urubyiruko ari rwo mizero y'ejo hazaza.
- Ku bufatanye bwa Polisi n'abaturage hari abantu benshi bagiyeye bafatirwa mu gukora, gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge bashyikirizwa inzego z'ubutabera.
- Kuba mu gihe cy'umwaka umwe harafashwe miliyoni ebyiri z'ibiro by'urumogi na litiro miliyoni 1,2 z'inzoga z'inkorano ndetse n'abantu bagera ku 3,157 barafashwe bagashyikirizwa ubutabera, bigaragaza uburemere bw'ikibazo ko hari abantu benshi bari mu bikorwa byo gukora, gucuruza no gukoresha ibiyobyabwenge. Kuba kandi hari benshi bafatwa bigaragaza ko hari benshi bahagurikiye kugaragaza ababigiramo uruhare.

### **II. INGARUKA Z'IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE**

Nk'uko bigaragara ibiyobyabwenge biri ku isonga ry'ibyaha ndetse ahanini rikaba na nyirabayazana w'ibindi byaha bikunze kugaragazwa mu nama z'umutekano birimo: gukubita no gukomeretsa, kwica hamwe na hamwe, gufata ku ngufu, ubujura, impanuka mu muhanda ndetse n'izindi ngaruka zirimo kwiyahura, guta amashuri ku rubyiruko, guta umuryango, guta umutwe, kwishora mu mibonano mpuzabitsina idakingiwe bivamo kwandura agakoko gatera SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, bikanajyana n'uburaya, ubwamanzi n'ubusinzi.

### **III. IGITERA KWIYONGERA KW'IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE**

- Kuba ibiyobyabwenge biboneka hirya no hino mu Gihugu, byaba ababikora, ababihinga, ibindi byinjizwa rwihishwa mu Gihugu bivuye mu bihugu duhana

imbibi bityo hakaba hari abakura indonke mu biyobyabwenge bishora mu bucuruzi bwabyo,

- Hagaragara ukudohoka kw'ababyeyi ku burere bw'abana babo;
- Urubyiruko rubikoresha rwigana abandi,
- Kuba abantu ikibazo batarakigira icyabo ku buryo buhagije cyane cyane mu rubyiruko.

#### **IV. HAKORWA IKI?**

Iki kibazo nticyaharirwa inzego zimwe, ahubwo birakwiye ko:

- Abantu bose bagomba kukigira iki kibazo icyabo bakagira uruhare mu kugikumira no kukirwanya. Gusaba ababyeyi kwita ku burere bw'abana mu miryango kuko igiti kigororwa kikiri gito, umwana apfa mu iterura, uburere buruta ubuvuke;
- Kuganira kuri iyi ngingo mu gihe abantu bahuye ari benshi ku rwego rw'imidugudu nk'igihe cy'umuganda rusange;
- Gukangurira abantu bose mu midugudu gutanga raporo y'abantu bateka kanyanga n'izindi nzoga z'inkorano zirimo kimbazi, nyirantare, muriture, n'zindi..., abahinga urumogi, abatwara ibiyobyabwenge mu buryo butandukanye, ababicuruza, ababarangira abakiriya ndetse no kugeza ku babikoresha;
- Abanyamadini n'amatorero bagomba kugira uruhare rugaragara, abarimu mu mashuri nabo bagomba kujya batanga ubu butumwa mu nyigisho zabo za buri muni.